# ABAYOBOZI B'UTUGARI BASHYIKIRIJWE MOTO MU RWEGO KUBOROHEZA MU MITANGIRE YA SERIVISI

Kuwa 25/ Kanama 2023, icyiciro cya mbere kigizwe na moto 32 nizo ku gicamunsi ubuyobozi bw'Akarere bumaze gushyikiriza Abanyamabanga Nshingwabikorwa b' Utugari, mu rwego rwo kuborohereza mu ngendo bakora mu kazi kabo ka buri munsi no kwihutisha imitangire ya serivisi.



Mu butumwa bwe, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere asabye aba bayobozi b'Utugari gufata neza izi moto bahawe bakumva ko zije kubafasha kurushaho kunoza inshingano zabo. Basabye kubahiriza amategeko bityo bagakumira impanuka zaterwa n'ibi binyabiziga.
Iyi gahunda yitabiriwe na VM ushinzwe ubukungu bwana Uzziel Niyongira, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Abiyingoma Gerard n'uhagarariye company ya "King Lion" yatanze izi moto kuri aba bayobozi b'Utugari.



Abahawe izi moto bashimira cyane ubuyobozi bukuru bw'Igihugu budahwema kubashakira imibereho myiza ndetse no kuzirikana uruhare rw'inzego z'ibanze mu miyoborere y'igihugu. Bashimangira ko izi moto zizabafasha kurushaho kwegera abaturage bityo bagatanga serivisi nziza ku muturage kandi atavunitse bikanakorwa mu gihe cyihuse





# UBUKANGURAMBAGA KU ISUKU N’UMUTEKANO WO MU MUHANDA



Tariki 17 Kanama 2023 hakozwe Ubugenzuzi bw’isuku n’isukura bwakomeje mu Mirenge inyuranye bugizwemo uruhare na command post z’isuku ku Kagari, Umurenge no Ku Karere. Muri iyi gahunda Umuyobozi w’Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe na DPC supt. Francis KAREMERA basuye Umurenge wa Musambira Akagari ka Karengera mu bukangurambaga bw’isuku, isukura n’umutekano kuri santeri ya Arrete.



Abatwara ibinyabiziga bibukijwe kugira uruhare mu gukumira impanuka zo mu muhanda, abagenzi nabo basabwe kwirinda umwanda aho bagenda.  Nyuma y’ubukangurambaga, abagize command post y’akarere bagenzuye isuku mu tubari, alimentation, mu ngo ndetse n’inyuma y’amaduka harebwa uko yifashe.Ubu bukangurambaga ahanini bwibanze ku kwibutsa abaturage ko bafite uruhare rukomeye mu bikorwa by’isuku n’isukura kuko ari isoko y’ubuzima bwiza. Abitabiriye bibukijwe kwirinda umwanda kandi bakabitoza na bagenzi babo.





# INZEGO ZOSE ZIBUKIJWE UBUFATANYE BWAZO MU GUCUNGA UMUTEKANO





Mu nama y'umutekano yaguye yateranye ku gicamunsi tariki 28/08/2023 ikaba yarayobowe na bwana Uzziel Niyongira Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu abayobozi mu nzego zose basabwe gukomeza ubufatanye mu gukumira ibyaha, kuko umutekano ari ishingiro ry'imibereho myiza y'abaturage n'iterambere muri rusange. Muri iyi nama hagarutswe ku kurebera hamwe uko umutekano wifashe muri rusange n'ingamba zo gukomeza kuwubungabunga, ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho y'abaturage, ibikorwa by'isuku n'isukura

Iyi nama yanitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt Francis Karemera, Umuyobozi w'Inkeragutabara Lt. Colonel Ntambara Jerome,



Umuyobozi w'Ingabo mu Karere Major Musayidire Ildephonse n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'akarere.

Iyi nama yari yatumiwemo abayobozi b'Imirenge, abayobozi ba Polisi mu Mirenge, abakuriye inkeragutabara n'abahuzabikorwa ba DASSO mu Mirenge.

# NYUMA Y'UMUGANDA ABATURAGE BASABWE GUSIGASIRA UBUMWE BWABO



Tariki 26 Kanama 2023, kimwe n'ahandi mu gihugu, mu Tugari twose tugize akarere ka Kamonyi hakozwe umuganda rusange usoza ukwezi kwa Kanama 2023. Ni igikorwa cyahuje ubuyobozi n'abaturage kikaba cyibanze muri rusange ku gusiza ahazubakwa ibyumba by'amashuri, gufata neza ibikorwaremezo by'imihanda, kubakira abatishoboye by'umwihariko habumbwa amatafari no gutera igishahuro kuri ayo mazu.

Ku rwego rw'Akarere Umuganda wabereye kuri EP Rugarama mu Murenge wa Rugalika akagari ka Kigese, aho Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice yifatanyije n'abaturage gusiza ahazubakwa ibyumba by'amashuri uyu mwaka mu rwego rwo kugabanya ubucucike mu byumba by'amashuri.Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, VM ushinzwe imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee ndetse n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Abiyingoma Gerard, abayobozi mu nzego z'umutekano zikorera imbere mu Karere nabo bitabiriye iki gikorwa cy'umuganda.

Nyuma y'umuganda hatanzwe ubutumwa ku gukumira ibiza no kubungabunga ibidukikije, isuku n'isukura, Umutekano, Gahunda yo gukura abaturage mu bukene ( graduation), Abitabiriye bibukijwe ko ubumwe bwacu arizo mbaraga zacu basabwa kwimakaza ubunyarwanda bakirinda ibibatanya.

Kuri EP Rugarama, uyu muganda wanaranzwe no gupima indwara zitandura ( NCDs) habayeho kandi gahunda yo kugaburira abana indyo yuzuye biganisha ku gukumira imirire mibi mu bana






# ABAGIZE INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE BASINYE IMIHIGO YA MUTIMAWURUGO 2023/2024

Kuwa 25 Kanama 2023, ku biro by'Akarere hateraniye Inteko rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore yatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere.

Iyi nama yatumiwemo abagore bahagarariye abandi mu Tugari, Imirenge no ku Karere; insanganyamatsiko iragira iti" twubake umuryango ushoboye kandi utekanye"

Iyi nteko yabimburiwe no kumurika bimwe mu byagezweho n'abagore mu rwego rwo kwiteza imbere, nk'uruhare rwabo mu guharanira kwigira n'iterambere rirambye ry'imiryango yabo. Hagarutswe ku ruhare rw'abafatanyabikorwa mu kubaka umuryango ushoboye, hagarutswe ku bikorwa biteganyijwe uyu mwaka 2023/2024, hanabayeho umuhango wo gushyira umukono ku mihigo izeswa na ba "Mutimawurugo" uyu mwaka.











# INAMA NA BA NYIR'IBIGO BY'AMASHURI BIRI MU KARERE






Ku wa 23 Kanama 2023 mu cyumba cy'inama cy'Akarere habereye inama yayobowe na Dr.NAHAYO Sylvere Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi, ikaba yahuje abagize komite nyobozi na ba nyir'ibigo by'amashuri afatanya na Leta ku bw'amasezerano, mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku mikorere n'imikoranire mu rwego rw'uburezi, biganisha iterambere ry'uburezi mu Karere.




Muri ibi biganiro hanagarutswe ku mikoranire y'impande zombi no ku bikorwa byo gutegura itangira ry'umwaka w'amashuri wa 2023-2024. Umuyobozi w'Akarere yasabye abafatanyabikorwa mu burezi bose kumva ko uburezi n'uburere bw'abana biri mu biganza bwabo, kandi ko Leta izakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo ireme ry'uburezi rikomeze gusigasirwa.



# UBUKANGURAMBAGA BW'IMINSI 40 KU GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE



Kuwa 24 Kanama 2023 gahunda y'iminsi 40 y'ubukangurambaga bugamije kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage yarakomeje. Icyo gihe Umuyobozi w'Akarere Dr.Nahayo Sylvere ari kumwe n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Runda ku gicamunsi bakiriye, bakurikirana no gukemura ibibazo by'abaturage mu Kagari ka Kabagesera Umurenge wa Runda, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel yari mu Murenge wa Musambira akagari ka Karengera naho Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee yari mu Kagari ka Gihira mu Murenge wa Gacurabwenge.




Iyi gahunda imaze iminsi yateguwe n'ubuyobozi bw'Intara y'Amajyepfo igamije gukemura ibibazo bimaze igihe bidakemurwa mu rwego rwo guharanira imitangire ya serivisi nziza no kwirinda gusiragiza umuturage mu nzego.

.





# UMURYANGO SEVOTA WAMURIKIYE UBUYOBOZI IBYAKOZWE MU ISANAMITIMA N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA





Tariki 28 Kanama 2023 ku biro by'Akarere, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee yayoboye inama ngarukagihembwe yateguwe ku bufatanye bw'Akarere ka Kamonyi na SEVOTA.mbere imibereho myiza y'abaturage.

Iyi nama yari igamije kurebera hamwe ibikorwa bimaze gukorwa no kugaragaza ibikorwa bigiye gukorwa mu Karere ka Kamonyi, by'umwihariko hasuzumwe ibyakozwe n'uyu muryango mu isanamitima no kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda.

Iyi nama yitabiriwe n'inzego z'umutekano, abafatanyabikorwa bakorera muri Kamonyi bagira uruhare mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge, abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge SEVOTA ikoreramo, President wa IBUKA mu karere, Presidente wa AVEGA mu Karere.





# HABAYE INAMA YAHUJE UBUYOBOZI BW'AKARERE N'UBUYOBOZI BWA EAR DIOCESE YA SHYOGWE





Tariki 21 Kanama 2023, umuyobozi Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Uzziel Niyongira, yakiriye mu biro bye itsinda ry'abayobozi mu Itorero Angrikani mu Rwanda Diocese ya Shyongwe ryari riyobowe na Rt. Rev. Dr. Jered KALIMBA.Abagize itsinda bari baje ngo baganire n'ubuyobozi bw'Akarere ku gukomeza imikorere n'imikoranire ishingiye ku guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.



By'umwihariko hagarutswe ku kibazo ca Poste de Sante ya Nyaruhengeri muri Nyamiyaga iri Torero ryubatse ariko ubu iri vuriro rikaba rikeye ko hanozwa imicungire yaryo, hagarutswe ku kibazo cy'ubutaka bw'Itorero buherereye Cyeru ku Mugina aho ubu butaka Itorero rivuga ko hari umuturage wabwiyandikishijeho.



# ABAYOBOZI B'IMIRENGE BASINYE IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2023/2024





Tariki 14 Kanama 2023 ku biro by'Akarere ka Kamonyi habereye igikorwa cyo gusinya imihigo y'Imirenge, aho abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bashyize umukono ku masezerano y'imihigo y'umwaka w'ingengo y'imari 2023/2024 nk'ikimenyetso cy'uko biyemeje kuzayesa bityo bagakomeza guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Muri iyi gahunda Imirenge yagaragarijwe uko yesheje imihigo y'umwaka ushize wa 2022/2023 aho Umurenge wa Karama ariwo wahize iyindi Mirenge mu kwesa imihigo bakaba bashyikirijwe gihamya cy'Indashyikirwa naho Umurenge wa Musambira niwo wabaye uwa 2 ukaba washyikirijwe icyemezo cy'ishimwe. Gusinya imihigo ni igikorwa cyayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe na bagenzi be bagize komite nyobozi hari kandi n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere.




# HAMURITSWE IBIMAZE GUKORWA MU KUVUGURURA IGISHUSHANYOMBONERA CY'AKARERE





Tariki 28 Kanama 2023 kbiro by'Akarere habaye inama yari igamije gusuzuma ibimaze gukorwa mu kuvugurura igishushanyombonera cy'Akarere ka Kamonyi. Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu Bwana NIYONGIRA Uzziel, Ikigo cy'ubutaka cyari gihagarariwe na Bwana MPAYIMANA Protais.


-Igishushanyombonera cy'Akarere ka Kamonyi kiri gukorwa na "AJ+Partners Company" ihagarariwe na Joshwa ASHIMWE.

Igikorwa cyo kuvururura igishushanyombonera cy'Akarere ka Kamonyi kirakomeje aho abitabiriye inama basabwe gukomeza gutanga ibitekerezo kugira ngo igihe igihe igikorwa kizaba kirangiye, iki gishushanyo kizaze ari igisubizo ku mikoreshereze inoze y'ubutaka.






# HATANZWE TELEFONI 519 KU BAYOBOZI BAFITE UBUHINZI N'ABAFITE IMIYOBORERE MU NSHINGANO





Kuwa 09/08/2023 mu rwego rwo kwimakaza ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi no kwihutisha serivisi mu ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage, ku gicamunsi Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Alice Kayitesi yashyikirije abayobozi baturutse mu Mirenge yose bafite mu nshingano ubuhinzi n'ubworozi ndetse n'abandi bafite mu nshingano ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage; Telefoni 519 bagenewe na Guverinema y'u Rwanda ibinyujije muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Innovasiyo.

Gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere. Dr. Nahayo Sylvere, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere.

.

Guverineri Kayitesi yasabye abayobozi bahawe Telefoni kuzikoresha neza kandi icyo zagenewe kugira ngo serivisi z'ubuginzi zirusheho gutangwa neza kandi mu buryo bwihuse.





# HAKOZWE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU IHANGWA RY'UMURIMO






Kuri Guest House Ijuru rya Kamonyi, tariki 30 Kanama 2023 habereye inama nyunguranabitekerezo ku ihangwa ry'umulimo iyi nama ikaba yari igamije no gushakisha ingamba zo kugabanya ubushobomeri mu rubyiruko. Iyi nama yateguwe ku bufatanye na Minisiteri y'abakozi ba Leta n'umulimo yitabiriwe na bwana Bushayija Fred Umuyobozi w'Imirimo Rusange mu Karere ari nawe uhagarariye ubuyobozi bw'Akarere muri ibi biganiro naho MIFOTRA yari ihagarariwe na Bwana Nzabandora Abdallah umukozi muri iyo Minisiteri.

Ibiganiro byari byatumiwemo Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abahagarariye amadini n'amatorero, PSF ku Murenge n'Akarere, ba Perezida b'inama njyanama z'Imirenge, abakozi bashinzwe umulimo n'iterambere ry'ubucuruzi mu Mirenge, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari bahagarariye abandi mu Mirenge





# ABATURAGE BAKANGURIWE KWITA KU BUZIMA BWO MU MUTWE





Tariki ya 29/08/2023, mu Kagari ka Mbati Umurenge wa Mugina, habereye ikiganiro cyateguwe ku bufatanye n'umufatanyabikorwa Mizero Care Organization wari uhagarariwe muri ibi biganiro na bwana Mizero Irene umuyobozi w'uyu muryango. Iyi gahunda imaze iminsi ikorwa mu Mirenge inyuranye igamije kwigisha abaturage kumenya ubuzima bwo mu mutwe n'uburyo bafasha uwagize ikibazo cy'ubuzima.

Iki gikorwa kandi kigamije kubaka ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda tugaharanira imibereho myiza n'iterambere ry'igihugu.

Igikorwa cyitabiriwe n'Umukozi ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'itorero mu Karere Mme Mukagihana Epiphanie ari nawe wari uhagarariye ubuyobozi bw'Akarere, uwari uhagarariye umuryango SEVOTA, uharariye umuryango CARSA, ubuyobozi bw'Akagari n'abandi bakozi muri CARSA.





NewsLetter yatunganyijwe na:
Faustin NTAKIRUTIMANA
"Public Relations, Media & Communications"

**UBUMWE BWACU NIZO MBARAGA ZACU**